

**ITEGEKO N° 18/2016 RYO KU WA 18/05/2016
RIGENGA UBURYO BWO KUBUNGABUNGA
UBWIZA BW'UMWUKA NO GUKUMIRA
IHUMANA RY'IKIRERE MU RWANDA**

**LAW N° 18/2016 OF 18/05/2016 GOVERNING
THE PRESERVATION OF AIR QUALITY AND
PREVENTION OF AIR POLLUTION IN
RWANDA**

**LOI N° 18/2016 DU 18/05/2016 REGISSANT LA
CONSERVATION DE LA QUALITE DE L'AIR
ET LA PREVENTION DE LA POLLUTION
ATMOSPHERIQUE AU RWANDA**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Article 3: Scope of this Law

Article 3: Champ d'application de la présente loi

**UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO
RY'AMABWIRIZA Y'UBUZIRANENGE**

**CHAPTER II: ESTABLISHMENT OF
QUALITY STANDARDS**

**CHAPITRE II: MISE EN PLACE DES
NORMES DE QUALITE**

**Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'amabwiriza
y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka**

Article 4: Establishment of air quality standards

**Article 4: Mise en place des normes de qualité de
l'air**

**UMUTWE III: IYUBAHIRIZA
RY'AMABWIRIZA NTARENGWA Y'UBWIZA
BW'UMWUKA**

**CHAPTER III: COMPLIANCE WITH
MINIMUM AIR QUALITY STANDARDS**

**CHAPITRE III: RESPECT DES NORMES
MINIMALES DE QUALITE DE L'AIR**

**Ingingo ya 5: Iyubahirizwa ry'amabwiriza
ntarengwa y'ubwiza bw'umwuka**

**Article 5: Compliance with minimum air quality
standards**

**Article 5: Respect des normes minimales de
qualité de l'air**

<u>Ingingo ya 6:</u> Kubuzwa kohereza mu kirere ibinyabutabire, ibikoresho, gazi cyangwa imiti ishobora kwangiza ubuzima	<u>Article 6:</u> Prohibition of emission of chemicals, materials, gas or hazardous substances	<u>Article 6:</u> Interdiction d'émission des produits chimiques, matériaux, gaz ou substances dangereuses
<u>Ingingo ya 7:</u> Urugero ntarengwa rw'iyakira n'iyoherezwa ry'imyuka mu kirere	<u>Article 7:</u> Emission limit	<u>Article 7:</u> Limite d'émission
<u>Ingingo ya 8:</u> Urugero rwhariye rwhanganirwa rw'imyuka ihumanya ituruka mu nganda	<u>Article 8:</u> Specific tolerance limit of pollutants from industries	<u>Article 8:</u> Limite de tolérance spécifique de polluants provenant des industries
<u>Ingingo ya 9:</u> Igenzura ry'imyuka ihumanya ikirere ituruka ku bikoresho by'ubwikorezi	<u>Article 9:</u> Inspection of air pollutants from transport means	<u>Article 9:</u> Inspection de polluants atmosphériques provenant des moyens de transport
<u>Ingingo ya 10:</u> Imyuka ihumanya ikirere ikomoka ku bikorwa by'ubwubatsi	<u>Article 10:</u> Air pollutants from construction works	<u>Article 10:</u> Polluants atmosphériques provenant des travaux de construction
<u>Ingingo ya 11:</u> Imyuka ihumanya ikirere ituruka ku ibikwa ry'ibintu	<u>Article 11:</u> Air pollutants from the storage of objects	<u>Article 11:</u> Polluants atmosphériques provenant du stockage d'objets
<u>Ingingo ya 12:</u> Imyuka ihumanya ikirere ikomoka ku itwikwa ry'imyanda mu ifuru	<u>Article 12:</u> Air pollutants from waste incineration	<u>Article 12:</u> Polluants atmosphériques provenant d'incinération de déchets
<u>Ingingo ya 13:</u> Imyuka ihumanya ikirere ikomoka ku bindi bikorwa	<u>Article 13:</u> Air pollutants from other sources	<u>Article 13:</u> Polluants atmosphériques provenant d'autres sources
<u>UMUTWE WA IV:</u> URUHUSHYA RWO KOHEREZA IMYUKA IHUMANYA IKIRERE	<u>CHAPTER IV:</u> AIR POLLUTANT EMISSION PERMIT	<u>CHAPITRE IV:</u> PERMIS D'EMISSION DE POLLUANTS ATMOSPHERIQUES
<u>Ingingo ya 14:</u> Uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere	<u>Article 14:</u> Air pollutant emission permit	<u>Article 14:</u> Permis d'émission de polluants de l'air

UMUTWE WA V: IYUBAHIRIZWA RY'UBWIZA BW'UMWUKA	CHAPTER V: AIR QUALITY COMPLIANCE	CHAPITRE V: CONFORMITE A LA QUALITE DE L'AIR
<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano yo kubahiriza ubwiza bw'umwuka	<u>Article 15:</u> Obligation to comply with air quality	<u>Article 15:</u> Obligation de conformité à la qualité de l'air
<u>Ingingo ya 16:</u> Gukurikirana iyubahirizwa ry'ubwiza bw'umwuka	<u>Article 16:</u> Monitoring of air quality compliance	<u>Article 16:</u> Contrôle de conformité de la qualité de l'air
<u>Ingingo ya 17:</u> Amabwiriza yerekeye kubungabunga cyangwa gukumira ibihumanya ikirere	<u>Article 17:</u> Compliance order on air pollution control and prevention	<u>Article 17:</u> Ordre de conformité relatif à la lutte et à la prévention de la pollution atmosphérique
<u>Ingingo ya 18:</u> Amabwiriza yo guhagarika ibikorwa	<u>Article 18:</u> Orders to stop activities	<u>Article 18:</u> Ordres d'arrêter les activités
<u>Ingingo ya 19:</u> Amabwiriza yo gukumira imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere mu buryo bwihutirwa	<u>Article 19:</u> Order for emergency prevention of emission of air pollutants	<u>Article 19:</u> Ordre de prévention d'urgence d'émissions des polluants atmosphériques
<u>Ingingo ya 20:</u> Imenyeshya ry'iyoherezwa ry'imyuka ihumanya ikirere bikoze ku mpanuka cyangwa ku burangare	<u>Article 20:</u> Reporting accidental or inadvertent emissions of air pollutants	<u>Article 20:</u> Déclaration des émissions accidentelles ou involontaires des polluants atmosphériques
<u>Ingingo ya 21:</u> Ububasha bw'Umujyi wa Kigali n'Akarere bwo kumenyeshya no gusaba gukosora ibikorwa bihumanya ikirere	<u>Article 21:</u> Powers of the City of Kigali and the District to notify and require polluters to take measures to remedy emissions of air pollutants	<u>Article 21:</u> Pouvoirs de la Ville de Kigali et du District de notifier et exiger des pollueurs de prendre des mesures pour remédier aux émissions de polluants atmosphériques
UMUTWE WA VI: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE SANCTIONS	CHAPITRE VI: SANCTIONS ADMINISTRATIVES
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Article 22:</u> Administrative sanctions	<u>Article 22:</u> Sanctions administratives

<u>UMUTWE WA VII:</u> <u>Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u>	INGINGO	<u>CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VII:</u> <u>DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 23:</u> Igihe cy'inzibacyuho		<u>Article 23:</u> Transitional period	<u>Article 23:</u> Période de transition
<u>Ingingo ya 24:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko		<u>Article 24:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 24:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 25:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko		<u>Article 25:</u> Repealing provision	<u>Article 25:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 26:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa		<u>Article 26:</u> Commencement	<u>Article 26:</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 18/2016 RYO KU WA 18/05/2016 RIGENGA UBURYO BWO KUBUNGABUNGA UBWIZA BW'UMWUKA NO GUKUMIRA IHUMANA RY'IKIRERE MU RWANDA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 15 Werurwe 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 168, iya 169 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye Imihindagurikire y'Ibihe yashyiriweho umukono i RIO DE JANEIRO muri BRESIL, ku wa 5 Kamena 1992, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 021/01 ryo ku wa 30 Gicurasi 1995;

LAW N° 18/2016 OF 18/05/2016 GOVERNING THE PRESERVATION OF AIR QUALITY AND PREVENTION OF AIR POLLUTION IN RWANDA

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 15 March 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168, 169 and 176;

Pursuant to the United Nations Framework Convention on Climate Change, signed in RIO DE JANEIRO in BRAZIL on 5 June 1992, as ratified by Presidential Order n° 021/01 of 30 May 1995;

LOI N° 18/2016 DU 18/05/2016 REGISSANT LA CONSERVATION DE LA QUALITE DE L'AIR ET LA PREVENTION DE LA POLLUTION ATMOSPHERIQUE AU RWANDA

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 15 mars 2016 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168, 169 et 176;

Vu la Convention Cadre des Nations Unies sur les Changements Climatiques signée à RIO DE JANEIRO au BRESIL le 5 juin 1992, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 021/01 du 30 mai 1995;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'i Montréal yerekeye imyuka ihumanya akayunguruzo k'imirasire y'izuba yashyiriweho umukono i LONDRES (1990), COPENHAGUE (1992), MONTREAL (1997), BEIJING (1999), cyane cyane mu ngingo yayo ya 2 y'ubugororangingo bw'i Londres n'ingingo ya 3 y'ubugororangingo bw'i Copenhagen, Montréal na Béijing, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 30/01 ryo ku wa 24 Kanama 2003;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'i KYOTO yo ku wa 11 Ukuboza 1997 ashamikiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye ihindagurika ry'ibihe nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 51/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2007;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena uburyo bwo kubungabunga ubwiza bw'umwuka no gukumira ihumana ry'ikirere mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:

Pursuant to MONTREAL International Convention on Substances that Deplete the Ozone Layer, signed in LONDON (1990), COPENHAGEN (1992), MONTREAL (1997), BEIJING (1999), especially in Article 2 of LONDON amendments, and Article 3 of COPENHAGEN, MONTREAL and BEIJING amendments as ratified by Presidential Order n°30/01 of 24 August 2003;

Pursuant to KYOTO Protocol to the Framework Convention on Climate Change adopted on 11 December 1997 as ratified by the Presidential Order n° 51/01 of 31 December 2007;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law determines modalities for preservation of air quality and prevention of air pollution in Rwanda.

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms have the following meanings:

Vu la Convention Internationale de Montréal relative à des substances qui appauvrissent la couche d'ozone, signée à LONDRES (1990), COPENHAGUE (1992), MONTREAL (1997), BEIJING (1999), spécialement en son article 2, des amendements de LONDRES et de l'article 3 des amendements de COPENHAGUE, MONTREAL et de BEIJING telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 30/01 du 24 août 2003;

Vu le Protocole de KYOTO à la Convention-Cadre sur les Changements Climatiques adoptée le 11 décembre 1997 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 51/01 du 31 décembre 2007;

ADOPTÉ:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi détermine les modalités de conservation de la qualité de l'air et de prévention de la pollution atmosphérique au Rwanda.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

Official Gazette n° 23 of 06/06/2016

- | | | |
|--|--|---|
| 1° ihumana ry'ikirere: imiterere y'ikirere igaragazwa n'uko ibihumanya imyuka biba byiganje ku buryo bishobora kwangiza ubuzima rusange bw'abantu, ibimera, inyamaswa, imitungo cyangwa bikabangamira ibikoresho n'ibidukikije; | 1° air pollution: condition of the atmosphere in which pollutants are present in such a quantity as to be likely detrimental to public health, flora, fauna, property or to interfere with materials and environment; | 1° pollution atmosphérique: condition de l'atmosphère dans laquelle des polluants sont présents dans une telle quantité qu'il risque d'être préjudiciable à la santé publique, à la flore, à la faune, aux biens ou de perturber les matériaux et l'environnement; |
| 2° umwuka udukikije: umwuka wo hanze, mu buryo busanzwe ugera ku bantu, ku bimera, ku nyamaswa cyangwa ku bintu; | 2° ambient air: outdoor air to which people, plants, animals or material are in normal circumstances exposed; | 2° air ambiant: air extérieur auquel, en temps normal, les personnes, les plantes, les animaux ou les objets sont exposés; |
| 3° iyoherezwa mu kirere: irekurwa ry'umwuka uhumanya mu kirere; | 3° emission: release of a pollutant into the air; | 3° émission: rejet d'un polluant dans l'atmosphère; |
| 4° urugero ntarengwa rw'iyoherezwa mu kirere: igipimo cyo hejuru cyemewe cy'imyuka ihumanya irekurwa mu kirere iturutse ku isoko ihumanya, igaragazwa nko kwitsindagira kw'imyuka ihumanya; | 4° emission limit: the highest permissible quantity of pollutants released into the air from a pollution source, expressed as the concentration of pollutants; | 4° limite d'émission: quantité maximale admissible de polluants rejetés dans l'air à partir d'une source de pollution, exprimée par la concentration de polluants; |
| 5° iyoherezwa mu kirere rirengeje urugero: ukurekurwa kurenze urugero kw'ibihumanya umwuka ugereranyije n'igipimo cyemewe cy'imyuka yoherezwa mu kirere; | 5° excessive emission: emission of an air pollutant in excessive of an emission standard or emission target; | 5° émission excessive: émission d'un polluant atmosphérique en excès d'une norme d'émission ou de la cible d'émission; |
| 6° igikorwa gihumanya cyemewe: igikorwa kitubahiriza ibipimo ntarengwa kivugwa muri iri tegeko, gitegetswe kubanza kwemerwa n'Ikigo gifite mu nshingano kubungabunga ibidukikije; | 6° permissible pollutant activity: activity that does not comply with minimum standards prescribed under this Law, which is subject to prior authorization by the Authority in charge of environment protection; | 6° activité polluante admissible: activité non conforme aux normes minimales prévues par la présente loi qui exige une autorisation préalable de l'Office ayant la protection de l'environnement dans ses attributions; |
| 7° Minisitiri: Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze; | 7° Minister: Minister in charge of environment; | 7° Ministre: Ministre ayant l'environnement dans ses attributions; |

Official Gazette n° 23 of 06/06/2016

- 8° **igenzura:** isuzuma iryo ari ryo ryose rikorwa mu bihe bitandukanye cyangwa ku buryo buhoraho hasuzumwa urugero rw'iyubahirizwa ry'ibisabwa n'amategeko, ingero z'imyuka ihumanya mu bikoreho bitandukanye mu bantu, mu nyamaswa no mu bindi binyabuzima;
- 8° **monitoring:** any periodic or continuous testing to determine the level of compliance with statutory requirements or pollutant levels in various materials, in humans, animals and other living beings;
- 8° **surveillance:** tout contrôle périodique ou continu pour déterminer le niveau de conformité aux exigences réglementaires ou les niveaux de polluants dans divers matériaux ou chez les humains, les animaux et les autres êtres vivants;
- 9° **utumanyu turegetse mu kirere:** utumanyu duto cyane tuba mu kirere dufite umurambararo wa mikrometero cumi (10) cyangwa muni;
- 9° **suspended particles:** small airborne particles with a diameter of ten (10) micrometres or less;
- 9° **particules en suspension:** particules fines en suspension dans l'air dont le diamètre est égal ou inférieur à dix (10) micromètres;
- 10° **iyoherezwa ry'imyuka ihumanya mu kirere rititezwe:** imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere mu buryo butitezwe ikagenda bitanyuze mu nzira yumvikanyweho cyangwa yabugenewe;
- 10° **unexpected emission:** pollutants released unexpectedly through unconventional or inappropriate ways;
- 10° **émission inattendue:** polluants rejetés de manière inattendue à travers les voies non classiques ou inappropriées;
- 11° **umugenzuzi w'ibidukikije:** umukozi wa Leta ufite mu nshingano ze gukurikirana no kugenzura uko kubungabunga ibidukikije byubahirizwa.
- 11° **environmental inspector:** government staff in charge of follow-up and monitoring of the enforcement of environmental preservation.
- 11° **inspecteur de l'environnement:** agent de l'Etat ayant dans ses attributions le suivi et la surveillance du respect de la conservation de l'environnement.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba ibikorwa byose bigamije kubungabunga ubwiza bw'umwuka kimwe n'ibindi ibyo ari byo byose bishobora guhungabanya ubwiza bwawo cyangwa guhumanya ikirere.

Icyakora, iri tegeko ntirikurikizwa ku bijyanye n'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere ikomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ku ikoreshwa ry'imiti cyangwa ibikoreho bishobora kwangiza ibinyabuzima "radioactif";

Article 3: Scope of this Law

This Law applies to all measures aimed at the preservation of air quality as well as all elements or activities likely to affect air quality or pollute the atmosphere.

However, this Law does not apply to air pollutants arising from the following:

- 1° the use of radioactive substances or devices;

Article 3: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique à toutes les mesures visant la conservation de la qualité de l'air ainsi qu'à tous les éléments ou activités susceptibles de nuire à la qualité de l'air ou de polluer l'atmosphère.

Toutefois, la présente loi ne s'applique pas aux polluants atmosphériques provenant de ce qui suit:

- 1° de l'utilisation des substances ou des dispositifs radioactifs;

- | | | |
|---|------------------------------------|--|
| 2° ibikorwa ndetse n'imyitozo bya gisirikare; | 2° military operations and drills; | 2° des opérations et des exercices militaires; |
| 3° ibikorwa byo kurwanya inkongi y'umuriro; | 3° fire fighting operations; | 3° des opérations de lutte contre l'incendie; |
| 4° ibiza. | 4° natural disasters. | 4° des catastrophes naturelles. |

UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RY'AMABWIRIZA Y'UBUZIRANENGE

CHAPTER II: ESTABLISHMENT OF QUALITY STANDARDS

CHAPITRE II: MISE EN PLACE DES NORMES DE QUALITE

Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka

Article 4: Establishment of air quality standards

Article 4: Mise en place des normes de qualité de l'air

Ikigo cy'Igihugu gifite mu nshingano zacyo gushyiraho amabwiriza y'ubuziranenge kigomba gushyiraho :

The National Authority in charge of establishing quality standards must:

L'Office national ayant la mise en place des normes de qualité dans ses attributions doit:

- | | | |
|--|--|---|
| 1° ibisabwa n'uburyo bwo gupima ubwiza bw'umwuka ndetse n'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere; | 1° prescribe criteria and procedure for measuring air quality and air pollutants; | 1° prescrire les critères et la procédure de mesurage de la qualité de l'air et des polluants atmosphériques; |
| 2° amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka udukikije mu rwego rwo guhangana n'ingaruka z'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere; | 2° establish ambient air quality standards in order to curb the impact of air pollutants; | 2° mettre en place les normes de qualité de l'air ambiant pour réduire l'impact des polluants atmosphériques; |
| 3° amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka w'aho abantu bakorera agenewe abafite ibikorwa bisohora umwuka ushobora kwangiza ubuzima bw'abantu; | 3° establish occupational air quality standards for various sources of air pollution which can cause harm to public health; | 3° mettre en place les normes de qualité de l'air au travail pour les différentes sources de pollution de l'air pouvant nuire à la santé publique; |
| 4° amabwiriza y'ubuziranenge akena iyoherezwa mu kirere ry'imyuka ihumanya ikomoka ku bikorwa bitandukanye bigira uruhare mu guhumanya ikirere; | 4° establish quality standards that regulate emissions of air pollutants from different sources contributing to air pollution; | 4° mettre en place les normes de qualité qui régissent les émissions des polluants atmosphériques provenant de diverses sources contribuant à la pollution atmosphérique; |

Official Gazette n° 23 of 06/06/2016

- | | | |
|--|--|---|
| 5° amabwiriza y'ubuziranenge y'umwihariko agenga ibikorwa by'inganda mu rwego rwo kwirinda cyangwa kugabanya ihumana ry'ibidukikije ryaturuka muri izo nganda; | 5° establish specific quality standards that regulate industrial activities with a view to avoid or minimize environmental pollution that may result from such industries; | 5° mettre en place des normes de qualité spécifiques qui régissent les activités industrielles en vue d'éviter ou de minimiser la pollution de l'environnement provenant de ces industries; |
| 6° uburebure bw'inzira zabugenewe zisohokeramo imyuka ihumanya ikirere; | 6° determine stack heights of chimneys for air emissions; | 6° définir les hauteurs d'empilage de cheminées d'émissions atmosphériques; |
| 7° ibijyanye n'ikintu icyo aricyo cyose cyagira ingaruka ku mabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka woherazwa mu kirere. | 7° prescribe any matter in relation with or affecting air emission quality standards. | 7° prescrire toute question susceptible d'affecter les normes de qualité des émissions atmosphériques. |

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza yihariye agenga ubwiza bw'umwuka.

An Order of the Minister establishes specific air quality standards.

Un arrêté du Ministre définit les normes spécifiques de qualité de l'air.

UMUTWE III: IYUBAHIRIZA RY'AMABWIRIZA NTARENGWA Y'UBWIZA BW'UMWUKA

CHAPTER III: COMPLIANCE WITH MINIMUM AIR QUALITY STANDARDS

CHAPITRE III: RESPECT DES NORMES MINIMALES DE QUALITÉ DE L'AIR

Ingingo ya 5: Iyubahirizwa ry'amabwiriza ntarengwa y'ubwiza bw'umwuka

Article 5: Compliance with minimum air quality standards

Article 5: Respect des normes minimales de qualité de l'air

Umuntu wese yubahiriza amabwiriza ntarengwa y'ubwiza bw'umwuka yashyizweho n'Ikigo cy'Igihugu gifite mu nshingano ibijyanye no gushyiraho amabwiriza y'ubuziranenge.

Every person must comply with the minimum air quality standards established by the National Authority in charge of setting up regulations for quality standards.

Toute personne est tenue de se conformer aux normes minimales de qualité de l'air mises en place par l'Office national ayant la mise en place des normes de qualité.

Ingingo ya 6: Kubuzwa kohereza mu kirere ibinyabutabire, ibikoresho, gazi cyangwa imiti ishobora kwangiza ubuzima

Article 6: Prohibition of emission of chemicals, materials, gas or hazardous substances

Article 6: Interdiction d'émission des produits chimiques, matériaux, gaz ou substances dangereuses

Kohereza mu kirere ibinyabutabire, ibikoresho, gazi, imiti yangiza ubuzima cyangwa uruvange rwa gazi n'ihumanya byatera impanuka birabujijwe keretse

The emission of chemicals, materials, gas or hazardous substances or mixture containing gaseous and toxic substances is prohibited unless such

L'émission des produits chimiques, des matériaux, des gaz, des substances dangereuses ou d'un mélange contenant des substances gazeuses et toxiques est

iryo yoherezwa ryatangiwe uruhushya rutangwa n'Ikigo gifite mu nshingano zacyo kurengera ibidukikije.

Umuntu wese ukora, utwara, ucuruza, ukoresha, ubika cyangwa ufite ibinyabutabire, imiti ihumanya, imiti izirana n'umuriro cyangwa iturika, afite inshingano yo kubahiriza iri tegeko ku mpamvu z'umutekano w'abantu n'ibindi biremwa ndetse no kwirinda icyatera kwangirika kw'ibidukikije.

Ingingo ya 7: Urugero ntarengwa rw'iyakira n'iyoherezwa ry'imyuka mu kirere

Umuntu ufite igikorwa icyo ari cyo cyose agomba kubahiriza urugero ntarengwa rw'imyuka iva mu kirere igera ku binyabuzima hakurikijwe amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka udukikije.

Ingingo ya 8: Urugero rwhariye rwhanganirwa rw'imyuka ihumanya ituruka mu nganda

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, urugero rwhanganirwa rw'ibihumanya ikirere bituruka mu nganda rugomba kungana n'urwaganwe mu mabwiriza y'ubuziranenge yihariye akoreshwa yashyizweho n'Ikigo cy'Igihugu gifite mu nshingano ibijyanye no gushyiraho amabwiriza y'ubuziranenge.

emission is authorized by the Authority in charge of the protection of environment.

Any person producing, transporting, trading, using, storing or possessing chemicals, toxic substances, inflammable or explosive substances must comply with this Law for the purpose of preserving safety for humans and other living beings and avoid causing environmental degradation.

Article 7: Emission limit

A person engaging in any activity is required to comply with the highest permissible emission limits of air pollutants from the atmosphere to the living things in accordance with ambient air quality standards.

Article 8: Specific tolerance limit of pollutants from industries

Without prejudice to the provisions of this Law, tolerance limit of air pollutants from industries into the air, must be the same as the tolerance limit in the specific quality standards in force determined by the national Authority in charge of setting up regulations for quality standards.

interdite, à moins qu'une telle émission ne soit autorisée par l'Office ayant la protection de l'environnement dans ses attributions.

Toute personne qui produit, transporte, vend, utilise, stocke ou possède les produits chimiques, les substances toxiques, les substances inflammables ou explosives doit se conformer à la présente loi pour des raisons de la sécurité des personnes et d'autres êtres vivants ainsi que d'éviter tout ce qui peut conduire à la dégradation de l'environnement.

Article 7: Limite d'émission

Une personne qui exerce une activité quelconque est tenue de respecter les limites maximales admissibles d'émission de polluants atmosphériques qui atteignent les êtres vivants conformément aux normes de qualité de l'air ambiant.

Article 8: Limite de tolérance spécifique de polluants provenant des industries

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, la limite de tolérance de polluants atmosphériques provenant des industries doit être la même que la limite dans les normes de qualité spécifiques en vigueur déterminée par l'Office ayant la mise en place des normes de qualité dans ses attributions.

Ingingo ya 9: Igenzura ry'imyuka ihumanya ikirere ituruka ku bikoreho by'ubwikorezi

Umuntu wese ufite igikoreho cy'ubwikorezi gitwara abantu n'ibintu gisohora umwuka, agomba kugenzura ikorwa n'iyoherezwa ry'imyuka ihumanya ikirere.

Ibikoreho by'ubwikorezi bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorera mu Rwanda, bigomba gukorera igenzurwa hagamijwe kugenzura imyuka ihumanya.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibisabwa kugira ngo ibikoreho by'ubwikorezi n'izindi mashini zikoreshe ibikomoka kuri peteroli byubahirize urugero ntarengwa rw'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere.

Ingingo ya 10: Imyuka ihumanya ikirere ikomoka ku bikorwa by'ubwubatsi

Umuntu wese utwara cyangwa ubika ibikoreho by'ubwubatsi, cyangwa ibivuye mu bikorwa by'ubwubatsi, usenya inyubako cyangwa igice cyayo agomba kwirinda guhumanya ikirere yubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge abigenga.

Ingingo ya 11: Imyuka ihumanya ikirere ituruka ku ibikwa ry'ibintu

Umuntu wese agomba kwirinda kubika ibintu mu buryo bishobora kwanduza ubwiza bw'umwuka.

Article 9: Inspection of air pollutants from transport means

Any person owning any means of transport of people and goods which is an emission source must control production and emission of air pollutants.

Means of transport referred to under Paragraph One of this Article operating in Rwanda must undergo an inspection for emissions control.

An Order of the Minister determines modalities and requirements for compliance with permissible emissions limits by the means of transport and other machines using petroleum products.

Article 10: Air pollutants from construction works

Any person transporting or storing construction materials or materials from construction works, or carrying out demolition of a building or part of a building must avoid air pollution by complying with relevant quality standards.

Article 11: Air pollutants from the storage of objects

Any person must avoid storing objects in such a way that they may interfere with the air quality.

Article 9: Inspection de polluants atmosphériques provenant des moyens de transport

Toute personne propriétaire d'un moyen de transport des personnes et des biens constituant une source d'émission doit contrôler la production et l'émission de polluants atmosphériques.

Les moyens de transport visés à l'alinéa premier du présent article en usage au Rwanda doivent faire l'objet d'inspection pour le contrôle des émissions.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités et les conditions de respect des limites d'émissions admissibles aux moyens de transport et aux autres machines utilisant des produits pétroliers.

Article 10: Polluants atmosphériques provenant des travaux de construction

Toute personne qui transporte ou stocke les matériaux de construction ou les matériaux issus des travaux de construction, qui procède à la démolition de bâtiment ou de sa partie doit éviter la pollution atmosphérique en se conformant aux normes de qualité en la matière.

Article 11: Polluants atmosphériques provenant du stockage d'objets

Toute personne doit éviter de stocker des matériaux de manière susceptible d'abimer la qualité de l'air.

Ingingo ya 12: Imyuka ihumanya ikirere ikomoka ku itwikwa ry'imyanda mu ifuru

Umuntu wese ukoresha ifuru itwika imyanda agomba kwirinda iyoherezwa n'ikorwa ry'imyuka ihumanya ikirere yubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge abigenga.

Ingingo ya 13: Imyuka ihumanya ikirere ikomoka ku bindi bikorwa

Umuntu wese ufite ahakorerwa ibikorwa byohereza imyuka ihumanya ikirere harimo uruganda rw'amashanyarazi, ahacukurwa gazi, inganda, imashini ishyushya amazi mu nganda, moteri y'amashanyarazi, ifuru agomba kwirinda gutera ikorwa ry'imyuka ihumanya ikirere yubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge abigenga.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ahandi hakorerwa ibindi bikorwa byihariye hafatwa nk'ahahumanya ikirere.

UMUTWE WA IV: URUHUSHYA RWO KOHEREZA IMYUKA IHUMANYA IKIRERE

Ingingo ya 14: Uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere

Umuntu wese ufite igikorwa cyohereza imyuka ihumanya ikirere kitubahirije amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka agomba kugisabira uruhushya rutangwa n'Ikigo cy'Igihugu gifite mu nshingano ibijyanye no kubungabunga ibidukikije.

Article 12: Air pollutants from waste incineration

Any person operating a waste incinerator must avoid emission and production of air pollutants by complying with the relevant quality standards.

Article 13: Air pollutants from other sources

Any person owning emission sources including power plants, gas extraction, plants, boilers, generators, and furnace must avoid causing emission of air pollutants by complying with the relevant quality standards regulations.

An Order of the Minister may determine other sites of specific activities that are considered as sources of air pollution.

CHAPTER IV: AIR POLLUTANT EMISSION PERMIT

Article 14: Air pollutant emission permit

Any person whose activity is air polluting and does not comply with the air quality standards must apply for a permit issued by the national Authority in charge of environment protection.

Article 12: Polluants atmosphériques provenant d'incinération de déchets

Toute personne exploitant un incinérateur de déchets doit éviter l'émission et la production des polluants atmosphérique en se conformant aux normes de la qualité en la matière.

Article 13: Polluants atmosphériques provenant d'autres sources

Tout propriétaire des sources d'émission comprenant notamment une centrale électrique, un centre d'extraction de gaz, des usines, une chaudière, un groupe électrogène, un four doit éviter de provoquer l'émission de polluants atmosphériques en se conformant aux normes de qualité en la matière.

Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres sites d'activités spécifiques qui sont considérés comme des sources de pollution atmosphérique.

CHAPITRE IV: PERMIS D'EMISSION DE POLLUANTS ATMOSPHERIQUES

Article 14: Permis d'émission de polluants de l'air

Toute personne ayant une activité qui pollue l'atmosphère et qui n'est pas conforme aux normes de la qualité de l'air doit en faire une demande octroyée par l'Office national ayant la protection de l'environnement dans ses attributions.

Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa n'uburyo bwo gusaba, gutanga no gukoresha uruhushya.

An Order of the Minister determines requirements and modalities for applying, granting and using the permit.

Un arrêté du Ministre détermine les conditions et les modalités de demande, d'octroi et d'utilisation du permis.

UMUTWE WA V: IYUBAHIRIZWA RY'UBWIZA BW'UMWUKA

CHAPTER V: AIR QUALITY COMPLIANCE

CHAPITRE V: CONFORMITE A LA QUALITE DE L'AIR

Ingingo ya 15: Inshingano yo kubahiriza ubwiza bw'umwuka

Article 15: Obligation to comply with air quality

Article 15: Obligation de conformité à la qualité de l'air

Umuntu wese afite inshingano yo kurengera no kubungabunga ubwiza bw'umwuka.

Every person has the obligation to safeguard and preserve the air quality.

Toute personne a l'obligation de sauvegarder et de préserver la qualité de l'air.

Ingingo ya 16: Gukurikirana iyubahirizwa ry'ubwiza bw'umwuka

Article 16: Monitoring of air quality compliance

Article 16: Contrôle de conformité de la qualité de l'air

Iyubahirizwa ry'ubwiza bw'umwuka rigenzurwa kandi rigakurikiranwa n'Ikigo gifite mu nshingano kubungabunga ibidukikije. Gishyiraho kandi kigasigasira imikoraniye myiza hagati yacyo n'inzego zose kugira ngo amabwiriza y'ubuziranenge y'ubwiza bw'umwuka yubahirizwe.

The inspection and monitoring of air quality compliance are carried out by the Authority in charge of environment protection. The Authority also establishes and maintains close collaboration with all institutions for the purpose of enforcement of air quality standards.

L'inspection et le suivi de la conformité de la qualité de l'air sont effectués par l'Office ayant la protection de l'environnement dans ses attributions. L'Office également établit et maintient une collaboration étroite avec toutes les institutions en vue du respect des normes de qualité de l'air.

Ingingo ya 17: Amabwiriza yerekeye kubungabunga cyangwa gukumira ibihumanya ikirere

Article 17: Compliance order on air pollution control and prevention

Article 17: Ordre de conformité relatif à la lutte et à la prévention de la pollution atmosphérique

Ikigo cy'Igihugu gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bishobora gutanga amabwiriza agamije gukumira cyangwa kurinda ibikorwa bishobora guhumanya ikirere cyangwa kugira ingaruka mbi ku mwuka no ku buzima bw'abantu muri rusange.

The National Authority in charge of environment protection, the City of Kigali or the District may issue protection or prevention orders against activities likely to result in air pollution or have adverse effect on the air and on public health.

L'Office nationale ayant la protection de l'environnement dans ses attributions, la Ville de Kigali ou le District peuvent émettre des ordres de protection ou de prévention contre les activités susceptibles de polluer l'atmosphère ou d'entraîner des effets négatifs sur l'air et sur la santé publique.

Amabwiriza agaragaza ibikorwa bigomba gukumirwa cyangwa kwirindwa n'ingamba nyir'igikorwa asabwa gufata n'igihe ntarengwa cyo kuzishyira mu bikorwa.

Ingingo ya 18: Amabwiriza yo guhagarika ibikorwa

Ikigo cy'Igihugu gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bigomba guhagarika mu nyandiko igikorwa gihumanya ikirere igihe bibona ko gukomeza kwacyo byagira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abantu cyangwa ibidukikije. Igihe iri hagarika rikozwe n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere, Ikigo cy'Igihugu gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano kigenerwa kopi. icyemezo cyo guhagarika kigomba kugaragaza amakuru ya ngombwa atuma ugifatiwe amenya neza impamvu yacyo agasobanukirwa ibyo asabwa.

Iyo uhagarikiwe ibikorwa amaze kubahiriza ibyo asabwa, asaba mu nyandiko ko icyemezo yafatiwe gikurwaho.

Ingingo ya 19: Amabwiriza yo gukumira imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere mu buryo bwihutirwa

Umugenzuzi w'ibidukikije wahawe cyangwa wamenye amakuru yerekeye iyoherezwa ry'imyuka ihumanya ikirere ku buryo byateza ingaruka ku buzima bw'abantu cyangwa ibidukikije, ashiraho

Compliance order specifies activities that are subject to prevention or protection and actions that the owner of the activity is required to take and the timeframe for implementation of such actions.

Article 18: Orders to stop activities

The National Authority in charge of environment protection, the City of Kigali or the District must stop, in writing, any activity which pollutes the air where they notice that pursuing such activity may cause serious harm to human health or environment. Where such activity is stopped by the City of Kigali or by the District, the National Authority in charge of environment protection is given a copy thereof. The stop order must indicate all the necessary information as to enable the person to whom it is served to understand such an order and what it requires.

Where the person to whom a stop order is served has complied with the requirements, he/she makes a written request for its cancellation.

Article 19: Order for emergency prevention of emission of air pollutants

An environmental inspector who receives or notices information on emission of air pollutants in a way that constitutes a risk to human health or environment, must issue an order for emergency prevention of the emission of air pollutants.

L'ordre de conformité indique les activités faisant l'objet de la prévention ou de la protection, les mesures que doit prendre le propriétaire de l'activité ainsi que les délais d'application de ces mesures.

Article 18: Ordres d'arrêter les activités

L'Office national ayant la protection de l'environnement dans ses attributions, la Ville de Kigali ou le District doivent arrêter par écrit une activité polluant l'atmosphère lorsqu'ils constatent que continuer cette activité peut occasionner un préjudice grave à la santé humaine ou à l'environnement. Lorsque cet ordre d'arrêt est émis par la Ville de Kigali ou par le District, l'Office ayant la protection de l'environnement dans ses attributions reçoit une copie. L'ordre d'arrêt doit contenir tous les renseignements nécessaires de façon à permettre à la personne à qui il est signifié de comprendre cet ordre ainsi que ses exigences.

Lorsque la personne à qui l'ordre d'arrêt est signifié a déjà respecté les exigences de cet ordre, elle demande par écrit l'annulation de cet ordre.

Article 19: Ordre de prévention d'urgence d'émissions des polluants atmosphériques

Un inspecteur de l'environnement qui reçoit ou observe des informations sur les émissions des polluants atmosphériques de manière à constituer un risque pour la santé humaine ou l'environnement, doit

amabwiriza yo gukumira imyuka ihumanya ikirere mu buryo bwihutirwa.

Ayo mabwiriza asaba ufite ibikorwa byohereza imyuka ihumanya ikirere kugaragaza cyane cyane ibi bikurikira:

- 1° ingamba zigaragaza uko kugabanya cyangwa gukuraho iryo yoherezwa ry'imyuka ihumanya bikorwa;
- 2° ibikoresho bya ngombwa, ubushobozi n'abakozi bihagije byo guhangana n'iyoherezwa mu kirere ry'imyuka ihumanya;
- 3° izindi ngamba zo guhangana n'ibindi bibazo bishobora kuvuka.

Ingingo ya 20: Imenyeshya ry'iyoherezwa ry'imyuka ihumanya ikirere bikoze ku mpanuka cyangwa ku burangare

Igihe cyose habayeho iyoherezwa ry'imyuka ihumanya mu kirere bikoze ku mpanuka cyangwa ku burangare, umuntu wese bibayeho agomba kubimenyeshya inzego z'Ubuyobozi zimwegereye cyangwa Ikigo gifite mu nshingano kubungabunga ibidukikije, mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye igihe iyoherezwa ryabereye. Agaragaza kandi ingamba zo guhangana n'iryo yoherezwa.

Such an order requires the person who has air pollution emission activities to particularly indicate the following:

- 1° adequate measures indicating how activities of reduction and elimination of emission of air pollutants are conducted;
- 2° the necessary equipment, facilities and trained personnel for dealing with emission of air pollutants;
- 3° any other measures necessary to respond to other issues that may arise.

Article 20: Reporting accidental or inadvertent emissions of air pollutants

Whenever a person is involved in an incident of inadvertent or accidental emissions of air pollutants, that person must report it to the nearest administration or to the Authority in charge of environment protection within twenty-four (24) hours of the occurrence of the incident. He/she must also indicate measures for dealing with such emissions.

émettre un ordre de prévention d'urgence d'émissions des polluants atmosphériques.

Cet ordre exige le propriétaire d'activités d'émission de polluants atmosphériques d'indiquer notamment ce qui suit :

- 1° les mesures appropriées indiquant comment les activités de réduction et élimination d'émission des polluants atmosphériques sont effectuées;
- 2° l'équipement nécessaire, des installations et un personnel qualifié disponibles pour faire face à l'émission des polluants atmosphériques;
- 3° toutes autres mesures nécessaires pour répondre à toute situation qui peut survenir.

Article 20: Déclaration des émissions accidentelles ou involontaires des polluants atmosphériques

Chaque fois qu'une personne est impliquée dans la survenance d'émissions involontaires ou accidentelles des polluants atmosphériques, elle doit le communiquer à l'entité administrative la plus proche ou à l'Office ayant la protection de l'environnement dans ses attributions, endéans vingt-quatre (24) heures de la survenance de l'incident. Elle doit également indiquer les mesures pour faire face à ces émissions.

Ingingo ya 21: Ububasha bw'Umujyi wa Kigali n'Akarere bwo kumenyeshya no gusaba gukosora ibikorwa bihumanya ikirere

Mu gihe Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bibonye igikorwa cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose gihumanya ikirere babimenyeshya uwo bireba kandi bakamusaba kubikosora. Iyo atabikosoye bikorwa n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere, ikiguzi cyabyo kikishyurwa na nyirabyo.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo imenyekanisha rikorwa.

UMUTWE WA VI: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ingingo ya 22: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umuntu wese ukora ibinyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko ahanishwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganywa n'Iteka rya Minisitiri.

UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 23: Igihe cy'inzibacyuho

Umuntu wese urebwa n'ibiteganywa n'iri tegeko agomba kuba yubahirije ibiteganywa naryo mu gihe

Article 21: Powers of the City of Kigali and the District to notify and require polluters to take measures to remedy emissions of air pollutants

Where the City of Kigali or the District notices any activity that causes emissions of air pollutants, such an entity notifies it to the concerned person and requires him/her to find a remedy. If such a person fails to find the remedy, the City of Kigali or the District works on it and the cost is borne by the owner.

An Order of the Minister determines notification modalities.

CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Article 22: Administrative sanctions

Without prejudice to provisions of the Penal Code, any person who violates provisions of this Law is liable to administrative sanctions determined by an Order of the Minister.

CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 23: Transitional period

Any person concerned with provisions of this Law must comply with them within a period not exceeding

Article 21: Pouvoirs de la Ville de Kigali et du District de signifier et exiger des pollueurs de prendre des mesures pour remédier aux émissions de polluants atmosphériques

Lorsque la Ville de Kigali ou le District constate qu'une activité provoque des émissions des polluants atmosphériques, cette entité le notifie à la personne concernée et l'exige de remédier à la situation. Si cette personne ne remédie pas à la situation, la Ville de Kigali ou le District le fait à la charge du propriétaire.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de signification.

CHAPITRE VI: SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Article 22: Sanctions administratives

Sans préjudice des dispositions du Code pénal, quiconque viole les dispositions de la présente loi est passible de sanctions administratives déterminées par un arrêté du Ministre.

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 23: Période de transition

Toute personne concernée par les dispositions de la présente loi doit s'y conformer dans un délai ne

Official Gazette n° 23 of 06/06/2016

kitarenze amezi cumi n’abiri (12) uherye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 26: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, ku wa 18/05/2016

twelve (12) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 24: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 25: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Article 26: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/05/2016

dépassant pas douze (12) mois à compter du jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Article 24: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Article 25: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 26: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 18/05/2016

Official Gazette n° 23 of 06/06/2016

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux